RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD

ITANGAZO RUSANGE

Ashingiye ku **Itegeko No. 007/2021** ryo ku wa **05/02/2021** rigenga amasosiyete y'ubucuruzi mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 281 iha Umwanditsi Mukuru ububasha bwo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete iyo isosiyete yahagaritse ibikorwa byayo kandi nta mpamvu ifatika yatuma sosiyete ikomeza kubaho cyangwa se iyo itatanze raporo y'umwaka ku nyungu nk'uko bisabwa n'iri tegeko;

Ashingiye kandi ku makuru agaragazwa n'Ikigo Gishinzwe Imisoro n'Amahoro agaragaza sosiyete ziyandukuje mu Kigo Gishinzwe Imisoro n'Amahoro ariko zikaba zitariyandukuje mu gitabo cy' amasosiyete muri RDB;

Umwanditsi Mukuru aramenyesha abantu bose ko yafashe icyemezo cyo kwandukura mu gitabo cy' amasosiyete sosiyete ziri ku rutonde ruri ku rubuga rwa RDB **https://bit.ly/40CN2Lf.** Akaba asaba ba nyirazo ndetse n'undi muntu wese ufite impamvu ifatika itambamira ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete y'ubucuruzi rya sosiyete iyo ari yo yose muzavuzwe kuyishyikiriza Umwanditsi Mukuru kuri aderesi zikurikira bitarenze iminsi 20 uhereye igihe iri tangazo ryasohokeye.

Ibiro by'Umwanditsi Mukuru
BP 6329, Gishushu Kigali cyangwa
Kuri email: info.registrar@rdb.rw

Bikorewe i Kigali, ku wa 28 Werurwe, 2023

Digitally signed by
RDB(Registrar General)
Date: 2023.03.28
16:34:00 +02'00'

Richard Kayibanda
Umwanditsi Mukuru